FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION

# KOMISIYO Y'AMATORA

## AMABWIRIZA AGENGA AMATORA Y'ABAGIZE INZEGO ZIGENGA ZA FERWAFA

Hashingiwe ku mategeko Shingiro (Statuts) ndetse n'Amategeko Ngengamikorere (ROI) y'Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda (FERWAFA);

Hashingiwe kandi ku mategeko agenga Amatora y'Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda (Code Electoral) yatowe kuwa 29/10/2017 n'Inteko rusange idasanzwe.

Mu rwego rwo kubahiriza inshingano zayo, Komisiyo y'Amatora yateguye Amabwiriza agenga Amatora y'abagize Inzego zigenga za FERWAFA ateganyijwe ku wa 13/01/2024, hagamijwe ko ayo matora akorwa neza, mu mucyo no mu bwisanzure.

Hashyizweho amabwiriza akurikira:

**Ingingo ya mbere: Icyo amabwiriza agamije**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko yavuzwe haruguru, aya mabwiriza agenga amatora y'abagize inzego zigenga muri FERWAFA ateganyijwe ku wa 13/01/2024.

**Ingingo ya 2: Inzego n'imyanya itorerwa**

Hashingiwe ku ngingo ya 27 y'amategeko shingiro ya FERWAFA, Inzego zitorerwa ni izi zikurikira:

a) Komisiyo y'ubugenzuzi n'iyubahirizwa ry'amategeko,
b) Komisiyo zishinzwe Amatora

- urwego rwa mbere
- urwego rw'ubujurire

c) Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane,
d) Komisiyo y'Imyitwarire
e) Komisiyo y'Ubujurire
f) Komisiyo itanga ibyangombwa ku makipe
g) Komisiyo itanga ibyangombwa ku makipe y'ubujurire
h) Komisiyo mbonezabupfura
i) Komisiyo ishinzwe sitati z'abakinnyi

**Ingingo ya 3: Abemerewe gutora**

Abemerewe gutora abagize inzego zigenga za FERWAFA ni Abanyamuryango bose ba FERWAFA babyemererwa n'amategeko.

**Ingingo ya 4: Ibisabwa Umukandida**

Utorerwa mu mwanya w' urwego rwigenga agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- ✓ Kuba ari Umunyarwanda
- ✓ Kuba afite nibura imyaka 25 y'amavuko kandi aterengeje imyaka 65.
- ✓ Kuba yaratanzwe nk'umukandida n'umwe mu banyamuryango ba FERWAFA.
- ✓ Kuba ari inyangamugayo hakurikijwe ibiri ku mugereka wa mbere (Imbumbabibazo y'Ubunyangamugayo) n'andi mategeko ya FERWAFA, CAF cyangwa FIFA.
- ✓ Kuba afite uburenganzira busesuye nk'umunyarwanda.
- ✓ Kuba nibura afite impamyabumenyi y'amashuri 6 yisumbuye.
- ✓ Kuba azi neza indimi nibura 2 zikoreshwa mu Rwanda.
- ✓ Kuba atarigeze ahamwa n'icyaha cyangwa ngo agafungwe birenze amezi atandatu.

- ✓ Kuba atarigeze ahagarikwa n'urwego rubifitiye ububasha rwa FERWAFA, CECAFA, CAF cyangwa FIFA.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imyanya igomba gutorerwa n'ibisabwa umukandida wiyamamaza mu buryo bwihariye kuri buri rwego:

| URWEGO | IMYANYA ` | IBISABWA | IBIBUJIJWE |
|---|---|---|---|
| Komisiyo y'ubugenzuzi n'iyubahirizwa ry'amategeko | **5** | -Kuba ufite ubumenyi mu bijyanye n'imari , icungamutungo, igenzura (Audit) cyangwa amategeko | |
| Komisiyo y'Amatora | **5** n'abandi **2** b'abasimbura | -Nibura umwe mu bakandida agomba kuba ari umunyamategeko. | -Nta mukozi wa Leta |
| Komisiyo y'Ubujurire y'Amatora | **3** n'abandi **2** b'abasimbura | - Nibura umwe mu bakandida agomba kuba ari umunyamategeko | -Nta mukozi wa Leta |
| Urwego rushinzwe gukemura Amakimbirane | **8** | -Abanyamategeko **3** bahagarariye abakinnyi n'Abatoza) | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | -Abanyamategeko nyamategeko **3** bahagarariye Amakipe | |
| Komisiyo y'Imyitwarire | **5** | -Perezida agomba kuba ari Umunyamategeko | |
| Komisiyo y'Ubujurire | **5** | -Perezida agomba kuba ari Umunyamategeko | |
| Komisiyo itanga Ibyangombwa ku Amakipe | **5** | | |
| Komisiyo y'Ubujurire itanga Ibyangombwa ku makipe | **3** | - Nibura umwe mu bakandida agomba kuba ari umunyamategeko | |
| Komisiyo Mbonezabupfura | **5** | | |
| Komisiyo ishinzwe sitati z'Abakinnyi | **5** | | |

**Ingingo ya 5: Ibyangombwa abakandida bageza kuri Komisiyo y' Amatora**

1. Inyandiko isaba kwiyamamaza.
2. Fotokopi y'Indangamuntu cyangwa iya pasiporo ifite igihe.
3. Umwirondoro (CV) w'Umukandida.
4. Fotokopi z'impamyabumenyi ziriho umukono wa Noteri.
5. Icyemezo cyo kuba atarahamwe n'icyaha cyangwa ngo afungwe birenze amezi atandatu (Criminal record).
6. Icyemezo cyo kuba umukandida cyatanzwe n' umunyamuryango wa FERWAFA (Recommendation Letter).
7. Inyandiko yujuje neza kandi iriho umukono y' Imbumbabibazo yerekeranye no kugenzura ubunyangamugayo iri ku mugereka w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 6: Gusuzuma amadosiye**

Komisiyo y'amatora isuzuma kandi igasesengura inyandiko zo kwiyamamaza zatanzwe ziciye kuri email: ferwafa@yahoo.fr cyangwa mu Bunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA hakurikijwe ingengabihe y'amatora.

**Ingingo ya 7: Gutesha agaciro Kandidatire**

Haseguriwe ibiteganywa n'aya mabwiriza cyangwa andi mategeko ya FERWAFA, Komisiyo y'Amatora ishobora gutesha agaciro kandidatire kubera impamvu zikurikira:

a) Umunyamuryango wa FERWAFA ntiyemerewe kwamamaza umuntu urenze umwe muri buri rwego. Icyakora, Umunyamuryango wa FERWAFA ntashobora kwamamaza abantu barenze 3 mu matora y'abagize inzego zigenga avugwa muri aya mabwiriza.

b) Mu gihe kimwe cya gatatu (1/3) by'abayimamaza ku rwego rumwe, , bivanye mu bikorwa byo kwiyamamaza cyangwa babyangiwe kandi igihe cyo gutanga ubwiyamamaze cyararangiye; ubwo iyo myanya itorerwa mu Nteko Rusange ikurikira ariko urwego rugakomeza gukora imirimo yarwo hakurikijwe Amategeko Shingiro ya FERWAFA.

c) Mu gihe abiyamamazaga bivanye mu matora cyangwa bangiwe kandi igihe cyo gutanga impapuro zo kwiyamamaza cyararangiye, kandi bakaba bari hejuru ya kimwe cya gatatu (1/3) cy'imyanya itorerewa, amatora yo kuri urwo rwego ateshwa agaciro.

**Ingingo ya 8: Ibikorwa byo kwiyamamaza**

Ibikorwa byo kwiyamamaza bikorwa hakurikijwe ingengabihe y'amatora aho igena igihe ntarengwa cyo kwiyamamaza.

Kwiyamamaza bishobora gukorwa binyujijwe mu bitangazamakuru umukandida ashobora kujya gusobanura gahunda ye.

Birabujijwe kwiyamamaza hatangwa ikiguzi icyo aricyo cyose cyangwa se hakoreshejwe amagambo asebanya.

Birabujijwe kwiyamamaza mbere cyangwa nyuma y'igihe cyo kwiyamamaza cyateganyijwe na komisiyo y' amatora.

Iyo bigaragaye ko umukandida yarenze kuri ibi, komisiyo y' amatora iraterana ikabifataho umwanzuro harimo no kuba umukandida yakurwa kurutonde rw'abiyamamaza.

**Ingingo ya 9: Ibisabwa kugirango Amatora abe**

Amatora y'abagize inzego zigenga ntashobora kuba hatabonetse 2/3 by'abagize inteko rusange itora.

Mbere y'uko amatora atangira, uwiyamamaza avuga umwirondoro we, hanyuma agasobanura mu ncamake ingingo zikubiye muri gahunda afite.

Buri wese mu bahatanira imyanya agomba kuba ahibereye mugihe cy'amatora cyeretse iyo biturutse ku mpamvu zitunguranye kandi zikomeye ariko zigomba gusuzumwa kandi zikemerwa n'inteko rusange.

**Ingingo ya 10: Uburyo bw'itora**

Amatora y'abagize inzego zigenga akorwa bandika mw'ibanga kandi buri muntu utora akabaririwa ijwi rimwe gusa.

Mu ibarura ry'amajwi hazashingirwa ku bagize amajwi menshi kurusha abandi mu kugena abatsinze amatora hagendewe ku myanya isabwa y'urwo rwego bivuze ko Perezida azaba ari uwa mbere mu majwi naho Visi perezida ari uwa kabiri.

Icyakora, mu gihe bigaragara ko umukandida waje ku mwanya wa mbere cyangwa uwa kabiri batujuje ibisabwa ku mwanya wa Perezida, hakuriijwe amategeko shingiro ya FERWAFA icyo gihe hafatwa ukurikiyeho wujuje ibyo bisabwa.

**Ingingo ya 11: Ingengabihe y'ibikorwa by'amatora**

Ibikorwa by'amatora y'abagize inzego zigenga ya FERWAFA biteganyijwe kuburyo bukurikira:

| № | Igikorwa | Igihe kizatangirira | Igihe kizarangirira |
|---|---|---|---|
| 1 | Itangazo rimenyesha igikorwa cy'amatora (Press release) | 01/12/2023 | 01/12/2023 |
| 2 | Kwakira amadosiye y'abiyamamaza | 11/12/2023 | 14/12/2023 |
| 3 | Kuzuza dosiye ku bo bireba | 15/12/2023 | 16/12/2023 (10h00-14h00) |
| 4 | Kwiga ku madosiye y'abiyamamaje | 18/12/2023 | 21/12/2023 |
| 5 | Gutangaza Urutonde rw'Abakandida rw'agateganyo | 22/12/2023 | 22/12/2023 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 6 | Gutanga Ubujurire muri Komisiyo y'Amatora y'Ubujurire | 27/12/2023 | 28/12/2023 |
| 7 | Gusuzuma Ubujurire bwakiriwe | 29/12/2023 | 30/12/2023 |
| 8 | Gutangaza ibyemezo bya Komisiyo y'Amatora y'Ubujurire | 03/01/2024 | 03/01/2024 |
| 9 | Gutangaza urutonde ndakuka rw'abiyamamaza | 03/01/2024 | 03/01/2024 |
| 10 | Kwiyamamaza | 03/01/2024 | 12/01/2024 |
| 11 | Igikorwa cy'Amatora no gutangaza ibyayavuyemo | 13/01/2024 | 13/01/2024 |
| 12 | Gutanga raporo y'amatora no Gushyingura inyandiko. | 16/01/2024 | 16/01/2024 |

**Ingingo ya 12: Ingingo zisoza**

Abazatanga kandidatire mu matora y'abagize inzego zigenga bagomba kubahiriza aya mabwiriza uko atanzwe. Abatazayubahiriza bazafatirwa ibihano na komisiyo y' amatora. ibyemezo bafatiwe bijuririrwa muri komisiyo y' amatora y'ubujurire..

Ibitavuzwe muri aya mabwiriza bikurikiza amategeko shingiro (Statuts), n'amategeko ngengamikorere (Reglement d'ordre interieur) ya FERWAFA n'amategeko agenga amatora ya FERWAFA.

**Bikorewe i Kigali kuwa 01/12/2023**

**<u>ABAGIZE KOMISIYO Y'AMATORA</u>**

**NSABIMANA BONIFACE (PEREZIDA)**

**NIYOBUHUNGIRO Fidel (UGIZE KOMISIYO)**

**MURWANASHYAKA Masista Grégoire (UGIZE KOMISIYO)**

**Me. MUHOZI MASUHUKO Paulin (UGIZE KOMISIYO)**